Résidence du Ruanda
Tribunal de Territoire
Aff. Bakundukize na Rumiya.-

Astrida, le 24.5.56

ASTRIDA
2369

Kuli Bwana Administrateur wa Territoire

Ndakuramutsa,

Nkulikije ibaruwa yawe nº827/A.I. yo ku munsi wa 23/5/56.
Ndakumenyesha ko twaciye urubanza rwa Bakundukize na Rumiya nº339 Ny.VIII, dukulikije urubanza rwa N.ngwene nyina, wa Bakundukize ya tsindiwe na Kabalira se wa Rumiya nº2998 rwa tarki 24.4.53.
Urabyumva ko urukiko rwa Intara nurwa Territoire rutali rufite ububasha bwo kuruburanisha bundi bushya, kuko Nyirangwene yarutsindiwe kera ntajulire.-
Amahoro.-

Juge : Nturo R,

-.K.H.-
RESIDENCE DU RUANDA.
TERRITOIRE D'ASTRIDA.-

ASTRIDA, le 23 Mars 1956.-

IMPAMVU:
Urubanza rwa Nyirangwene na Rumiya.-

Nº 827/ A.I.

Mbimenyesheje Umutware w'Intara MBANDA nkulikije urwandiko rwerwo kuli 17 Mayi 1956.

L'Administrateur de Territoire,
W.ANTONISSEN.,

Ku Rukiko rwa Territwari i NGOMA.-

Ndabamenyesha ko urubanza rwa Nyirangwene na Rumiya rubasha kujulilira ubungubu mu rukiko rwa Territwari n'ubwo rwakererewe bwose kuko batakererejwe n'impamvu zabo ahubwo bakererejwe n'amagambo Umutware Kayihura yabandikiye akabayobya.

L'Administrateur de Territoire,
W.ANTONISSEN .,

Territoire y'ASTRIDA

Intara ya NYARUGURU

nº 344.56/T.I

Runyinya le I7 mai 1956

Kuli Bwana Administrateur utegeka Territoire

A S T R I D A,-

Bwana Administrateur,

Ndabamenyesha kugisubizo cy'ibarua yanyu nº 740/A.I yo kuli tariki 8.5.56 uko byagenze, Nyirangwene yaburanye na Kabarira mu Rukiko rw'Intara urubanza rucibwa na Juge Suppléant. Hanyuma uwo mugore atsinzwe ajya kuganyira Umutwale wa Intara Kayihura amwemerera kuzamusubirira mu rubanza. Ibyanditse ku rubanza ni Kayihura wabihanditse koko.
Aho agiye i Bugoyi uwo muburanyi aje kubimbaza muhakanira ko ntasubira mu Urubanza rwaciwe mu Rukiko imbere y'umucamanza.
Naho lero impamvu nyakuli yamubujije kujurira nuko Kayihura yali yamwemerey gusubira mu Rubanza rwe naho ibyavuga ko umuburanyi we yaherayeko apfa nukubeshya kuko yapfuye muli uyu mwaka ushize kandi agasiga n'umuhungu w'umugabo waburana ibye.
Icyo ahubwo Bakundukize ashaka nuko, yakongera kuburana bundi bushya ntiture be urubanza nyina yigeze kuburana.

Ndijye Umutwale w'Intara M B A N D A.H

P.O Secrétaire Comptable

R.H.

RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE D'ASTRIDA

IMPAMVU:
Urubanza rwa NYIRANGWENE
na KABARIRA.-

Astrida, le 8 mai 1956

N° 740/A.I.

Kuli chef MBANDA à Runyinya.-

Ndakubaza ngo umumenyeshe neza iby'uru rubanza rwa NYIRANGWENE na Kabarira ibyo ari byo. Ndabona ko urubanza rwaciwe tarki ya 27/4/53 hanyuma hepfo nkabona handitse ko haliho abagabo batabajijwe. Ibyo byo hepfo kandi byanditswe tarki 21/5/53 nyuma yuko urubanza rwaciwe. None ugenzure umbwire icyo ali cyo. Kugerango menye neza icyabujije uwo mugore kujuririra igihe. Kuko umuhungu we ambwiye ko yabujijwe kujurira nuko bará baramubwiye ko bazumva abagabo yatanze hanyuma umuburanyi we agapfa batarumva abo bagabo.

Ndahikka igisubizo cyawe uzagihe uwo muhungu akinzanire.

Pour l'Administrateur de Territoire,
L'Administrateur Territorial Assistant,
GILLET A,